Indorerezi z'amatora
Z'ubumwe bw'Uburayi
Republika y'u Rwanda 2008

Kigali, 29 Nyakanga 2008

Ijambo Ukuriye Indorerezi z'Amatora zoherejwe n'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi yavuze atangiza igikorwa cy'Itsinda ry'Indorerezi z'Amatora

Mbahaye ikaze mwese muri iki kiganiro n'abanyamakuru mu rwego rwo gutangiza ibikorwa by'Itsinda ry'Indorerezi z'Amatora zo mu Muryango w'Ibihugu by'i Burayi ryoherejwe mu Rwanda.

Mbere na mbere ndagira ngo nshimire ubuyobozi bw'Igihugu kuba bwaradutumiye kuza gukurikirana, nk'indorerezi, amatora y'abadepite azaba kuva tariki 15 kugeza ku ya 18 Nzeri 2008. Kohereza mu Rwanda itsinda ry'indorerezi 80, dore ko ari wo mubare munini cyane w'indorerezi mpuzamahanga ziturutse hamwe, gukurikirana amatora agiye kuba, biragaragaza inyungu Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi uha gahunda y'impinduka muri demokarasi muri iki gihugu.

Ntegereje kandi abandi bagenzi banjye baturutse mu Nteko Nshingamategeko y'u Burayi bazaza kutwunganira iminsi mike mbere y'uko amatora akorwa. Nk'uko mubizi, indorerezi z'amatora zikurikiza uburyo bwagenwe kandi akaba ari na bwo bukurikizwa mu bihugu byose aho zoherejwe gukurikirana amatora nk'indorerezi. Tuzakurikiza amabwiriza ndetse n'uburyo bumwe nk'ubwakoreshejwe ahandi hose Intumwa z'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi zoherejwe gukurikirana amatora nk'indorerezi. Uburyo dukoresha bwubahiriza Itangazo ry'Amahame agenga igikorwa cy'Indorerezi Mpuzamahanga zikurikirana Amatora ndetse n'Amategeko agenga imyifatire y'Indorerezi. Iryo Tangazo ryemejwe n'Umuryango w'Abibumbye i New York mu Ukwakira 2005, ryabaye nk'inyandiko ishingirwaho mu kureba niba amatora yagirirwa icyizere ku rwego mpuzamahanga.

Aha ndashaka kuvuga ko tuzibanda kuri gahunda yose y'amatora aho kureba ibyayavuyemo. Nta mutwe wa politiki tuzabogamiraho cyangwa se ngo tuwurutishe indi mitwe ya politiki. Twibanda ku bibazo byose bifitiye akamaro gahunda y'amatora harimo kwiyamamaza, imikorere y'ubuyobozi bw'amatora, uruhare rw'ubucamanza no gusuzuma muri rusange umwuka uzaba uranga igikorwa cy'amatora. Twazanywe no gukurikirana amatora nk'indorerezi ntabwo twaje kwivanga mu gikorwa cy'amatora.

Tuzifashisha indorerezi zacu zizamara igihe kirekire mu gusesengura, haba ku rwego rw'igihugu cyangwa mu nzego z'ibanze, ibijyanye n'igikorwa cy'amatora mu ntara zose z'igihugu. Ni muri urwo rwego twishimira ibyava mu mibonano n'abafite uruhare muri iki gikorwa. Isuzuma dukora rishingira ku bipimo ngenderwaho ku rwego mpuzamahanga mu byerekeye amatora.

Indorerezi z'amatora Z'ubumwe bw'Uburayi – Rwanda 2008
Nyarutarama P.B. 5114
Kigali
Tel.: (+250) 580458 Fax: (+250) 580459
info@eueomrwanda.org
www.eueomrwanda.org

Byongeye kandi, tuzifashisha imikorere myiza mu kureba niba amatora yarakozwe muri demokarasi.

Nk'uko mubizi, Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi wigeze kohereza mu Rwanda Itsinda ry'Indorerezi mu matora y'Abadepite mu 2003. Muri raporo Itsinda ryashyize ahagaragara, hari hakubiyemo ibyifuzo. Tuzasesengura turebe uko ibyo twari twasabye ko bikorwa byubahirijwe.

Hakurikijwe amabwiriza ya MOE/UE, nyuma y'amatora, Abagize Itsinda bashyira ahagaragara itangazo mu masaha atarenze 48 amatora arangiye. Iryo tangazo rituma tugeza ku baturage isuzuma twakoze ugereranyije n'aho gahunda y'amatora igeze, ni yo mpamvu iryo Tangazo aba ari nk'umushinga. Birumvikana kandi ko amakuru y'ingenzi kuri gahunda y'amatora aboneka gutora birangiye. Aha navuga nko kunonosora ibyavuye mu matora, ibirego bishobora kuvuka ndetse n'inzira zo kujurira. Ni yo mpamvu hazatangazwa raporo inoze bitarenze ukwezi kumwe cyangwa abiri. Iyi raporo ni yo igaragaza isura rusange y'amatora kandi igashyirwamo ibyifuzo ku migendekere y'amatora igihe bibaye ngombwa.

Bubaye ubwa kabiri jyewe nza mu Rwanda. Nari mpari muri 2007 ubwo habaga inama ihuza Abagize Inteko nshingamategeko y'Ibihugu by'i Burayi n'Umuryango w'Ibihugu bya ACP. Nishimiye kugaruka mu Rwanda. Sinarangiza ijambo ryanjye ntabanje kugaragariza Abanyarwanda ibyishimo mfite kubera uko batwakiriye kandi nizeye ko tuzagira twese, ariko jye by'umwihariko, nzagira uruhare rugaragara mu bigenda bihinduka muri demokarasi mu Rwanda.

Indorerezi z'amatora Z'ubumwe bw'Uburayi – Rwanda 2008
Nyarutarama P.B. 5114
Kigali
Tel.: (+250) 580458 Fax: (+250) 580459
info@eueomrwanda.org
www.eueomrwanda.org